# Allah ntiyakira iswalat y'umwe muri mwe igihe adafite isuku (Udhu), cyeretse abanje kuyishaka (agatawaza)

Hadith yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Allah ntiyakira iswalat y'umwe muri mwe igihe adafite isuku (Udhu), cyeretse abanje kuyishaka (agatawaza)."

[Hadithi y'impamo] [Yemeranyijweho na Bukhari na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko mu bisabwa kugira ngo iswalat ibe itunganye harimo isuku, niyo mpamvu ari ngombwa ko umuntu ushatse gusali abanza agatawaza, igihe isuku ye hari icyayihungabanyije nko kwituma cyangwa se kwihagarika cyangwa se gusinzira ndetse n'ibindi.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/3534